ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU ITORA RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA, RYO KUWA 04 KANAMA 2017.

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje Indorerezi ijana (100) mu Turere twose tw'Igihugu gukurikirana ibikorwa by' itora rya Perezida wa Repubulika, ryo kuwa 04 Kanama 2017.

Ubutumwa bwahawe indorerezi z'Ihuriro bwari ubu bukurikira:

- Kureba uko igikorwa cy'imyiteguro y'ahabera itora gikorwa;
- Kureba ko ibikoresho by'itora byageze ahabera itora ku gihe;
- Kureba uko itora ryitabirwa;
- Kureba uburyo itora nyirizina rikorwa;
- Kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa;
- Kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze itora;
- Kureba uburyo ibyavuye mu itora byakiriwe n'abaturage.

Indorerezi z'Ihuriro zakoreye ubutumwa mu matsinda agizwe nibura n'abantu babiri (2) baturuka mu Mitwe ya politiki itandukanye, zakurikiranye ibikorwa bijyanye n'imyiteguro y'ahabera itora n'iby'itora nyirizina ku munsi w'itora rya Perezida wa Republika, ryo kuwa 04 Kanama 2017, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu.

1. IMYITEGURO Y'ITORA

Ku byerekeye imyiteguro y' itora rya Perezida wa Republika ryo kuwa 04 Kanama 2017, Indorerezi z'Ihuriro zashimye muri rusange uburyo ryateguwe, cyane ku bijyanye no gutegura ahabereye itora hose habaga hari ibirango byerekana aho igikorwa giteganyijwe kubera.

Muri rusange ibyangombwa by'itora byagereye ku biro by'itora ku gihe kandi byose byari mu mwanya wabyo mbere yo gutangira igikorwa cy'itora.

Indorerezi zasanze abaturage barasobanuriwe bihagije ibijyanye n'itora kandi baranashishikarijwe no kuryitabira, kuko hafi ya hose, abaturage barangije igikorwa cyo gutora mbere y'igihe cyagenwe.

2. ITORA NYIRIZINA

Ku munsi w'itora nyirizina, indorerezi z'Ihuriro zabonye ko igikorwa cy'itora cyatangiye ku gihe, isaha ya saa moya za mugitondo yo gutangira gutora yarubahirijwe. Ibikoresho byose by'itora byari bihari, ibyumba by'itora n'ubwihugiko byari biteguye neza bifite isuku, ndetse n'imiterere yabyo yerekanaga ko utora atora mu mucyo no mu bwisanzure.

Abaturage batoye mu mucyo, mu bwisanzure no mu mutekano hubahirizwa amategeko agenga Amatora n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Isaha ya saa cyenda (15h00) yo kurangiza itora no gutangira ibarura ry'amajwi nayo, yarubahirijwe hose ku biro by'itora indorerezi zagezeho.

3. IBARURA RY'AMAJWI

Ibarura ry'amajwi n'ihuzamajwi ryayo byabaye ku mugaragaro nyuma y'itora, bikurikiranwa n'abahagarariye abakandida n'ababishaka bose harimo Indorerezi zihagarariye inzego zinyuranye zaba izikorera mu Rwanda, zaba n'izikorera mu mahanga.
Ikindi ni uko muri rusange abaturage bitabiriye ibarura ry'amajwi ndetse bakakira neza ibyavuye mu itora.

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki rirashima ubwitabire bw'abaturage muri aya matora, rikaba riboneyeho umwanya wo gushima Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Inzego z'ubuyobozi n'Inzego z'umutekano kubera ituze n'ubwisanzure byaranze itora rya Perezida wa Repubulika ryo kuwa 04 Kanama 2017.

Bikorewe i Kigali kuwa 05/08/2017.

BURASANZWE Oswald
Umuvugizi w'Indorerezi